# Nahaye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihango cy'uko mpamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah, ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah, no guhozaho iswalat, no gutanga amaturo, no kumva no kumvira, ndetse no kugira inama buri muyisilamu

Hadith yaturutse kwa Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nahaye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihango cy'uko mpamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah, ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah, no guhozaho iswalat, no gutanga amaturo, no kumva no kumvira, ndetse no kugira inama buri muyisilamu.
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Umusangirangendo Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) aravuga ko yasezeranyije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko azagaragira Imana imwe, akitwararika iswalat eshanu z'itegeko ku manywa na nijoro, yubahiriza inkingi zayo n'ibisabwa byazo, ndetse n'ibikorwa by'imigereka byayo. No gutanga amaturo y'itegeko, akaba ari ibikorwa by'itegeko byo kugaragira Allah mu mitungo, ayo maturo ava mu bakire muri bo, agahabwa abacyene n'abandi muri bo bayakwiye. Nanayisezeranyije kuzumva no kumvira abayobozi, ndetse no kugira inama buri muyisilamu, nshishikajwe n'ineza ye, no kugira ngo agerweho n'ibyiza, no kumurinda ibibi byaba mu mvugo cyangwa se mu bikorwa.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee